



Funded by
the European Union



UBUHINZI BW'INTORYI



Gicurasi 2024

Ishakiro

1. Iriburiro	2
2. Aho intoryi zikunda	2
3. Amoko aboneka mu Rwanda	2
3. Guhitamo umurima, kuwutegura no gutera	3
3.1. Guhitamo umurima	3
3.2. Gutegura umurima	3
3.3. Gutera	3
4. Kwita ku gihingwa nyuma yo gutera.....	3
4.1. Gusasira	3
4.2. Kubagara no kumenera	4
4.3 Kuvomerera.....	4
4.4. Gushyiraho ifumbire mvaruganda	4
4.5. Gukata no kuyobora	4
4.6. Kugenzura indwara n’ibyonnyi	4
5. Gusarura no gufata neza umusaruro	5
5.1. Ibimenyetso byo kwera	5
5.2. Igihe cyo gusarura.....	5
5.3. Uburyo bwo gusarura	5
5.4. Kwita ku musaruro	5
6. Indwara n’ibyonnyi by’ingenzi by’intoryi	6

1. Iriburiro

Intoryi kimwe n'ibibiringanya ni kimwe mu mboga zifite intungamubiri nyinshi. Intoryi zikungahaye kuri Vitamini B1, B3, B6, B9 na K.

Intoryi zikungahaye ku myunyangugu nka Potasiyumu, Ubutare, Kalisiyumu, Umuringa n'udutsi (Fibers). Kubera izi ntungamubiri zose, wazihekenya, wazitogosa, wazikaranga ni ingirakamaro ku mubiri w'umuntu, kandi zitanga amafaranga ku muhinzi wazitayeho neza.

2. Aho intoryi zikunda

- Igihingwa cy'intoryi kibarizwa mu muryango w'ibisantobo kimwe na puwavuro, ibirayi, inyanya n'urusenda.
- Intoryi zera neza ahantu hari ubutumburuke butarenze metero 1600, imvura igwa ku gipimo kiri hagati ya mm 1,000 na mm 1500, ubushyuhe buri hagati ya dogere selesiyusi 20 na 30
- Zikenera amazi aringaniye kandi zikunda kurwara cyane mu gihe cy'imvura nyinshi.
- Zikunda ubutaka bwiza buhitisha amazi, burimo umucanga ndetse n'uburimo ibumba buseseka, kandi bufite imborera ihagije kandi bufite ubusharire (pH) buri hagati ya 5.5 na 6.5.
- Mu Rwanda, intoryi zera neza mu turere twose tw'igihugu.

3. Amoko aboneka mu Rwanda

Intoryi ziboneka mu Rwanda zirimo ibice bibiri by'ingenzi:

- Intoryi z'inyafurika tuzi ku izina ry'intoryi. Aha twavugaga ubwoko bukurikira: Kazinga RZ F1, Ngogwe, Tengeru white, ...)



- Ibibiringanya. Urugero twatanga ni Black beauty, Ravaya, Long purple, ...



3. Guhitamo umurima, kuwutegura no gutera

3.1. Guhitamo umurima

- Hitamo umurima udaheruka guhingwamo intoryi cyangwa ibihingwa byo mu muryango umwe n'intoryi (ibirayi, urusenda,) nibura mu bihembwe by'ihinga bitatu biheruka.

3.2. Gutegura umurima

- Tegura umurima mu byumweru 2 mbere y'uko ingemwe zigera igihe cyo guterwa, unatabike ibisigazwa by'ibimera mu butaka.
- Hinga ubutaka kugeza nibura ku bujyakuzimu bwa cm 30 kugira ngo imizi izakure neza.
- Intoryi zishobora guterwa ku mitabo yegutse ku bujyejuru bwa cm 20, cyane cyane ahantu hareka amazi. Iyo mitabo iba ifite ubugari bwa cm 100 yangwa cm 120. Hagati y'umutabo n'undi hasigara inzira ya cm 40.

3.3. Gutera

- Tera ingemwe mu murima hashize iminsi 30 nyuma yo kwinaza (amababi 3-4).
- Cukura imyobo ya cm 15-20 y'ubujyakuzimu wubahiriza intera ya cm 60-100 hagati y'imirongo na cm 60-100 hagati y'urugemwe n'urundi ku murongo.
- Shyiramo amashyi yombi y'imborera iboze neza muri buri mwobo, uyivange neza n'itaka.
- Vomerera umurima n'ubuhumbikiro bihagije umunsi umwe mbere no mu gitondo cyo kugemuraho kugira ngo wizere ko amazi yinjiye mu butaka bukoroha.
- Gemura ingemwe mu buhumbikiro witonze ku buryo uzamurana n'itaka rifashe ku mizi kandi ubikore mu gitondo cyangwa ku mugoroba, utere wirinda gukuraho itaka rifashe ku mizi.



- Tsindagira itaka gahoro impande y'urugemwe.
- Kora ku buryo ubuhehere bw'ubutaka buba buhagije nyuma yo kugemura kugira ngo ingemwe zifate neza.

4. Kwita ku gihingwa nyuma yo gutera

4.1. Gusasira

- Sasira umurima ukoresheje ibyatsi byumye neza, mbere yo gutera cyangwa vuba hashoboka nyuma yo gutera. Isaso igabanya ikwirakwizwa ry'uburwayi ndetse ikarinda n'umusaruro kubora.



4.2. Kubagara no kumenera

- Bagara igihe cyose ibyatsi bibi bigaragara mu murima. Nyuma y'ibyumweru 3 uteye ushobora kumenera ukongera n'itaka ku ntoryi.

4.3 Kuvomerera

- Vomerera nyuma yo gutera n'igihe cyose imvura itagwa cyangwa idahagije.
- Irinde gutosa amababi kandi uvomerere witonze kugira ngo hatabaho kwanduza indwara zituruka mu butaka n'izihemberwa n'ubuhehere bwinshi ku gihingwa.

4.4. Gushyiraho ifumbire mvaruganda

- Nyuma y'icyumweru uteye, shyiraho garama 10 za NPK 17-17-17 (Agafuniko k'icupa ry'amazi y'Inyange).
- Nyuma y'ukwezi n'igice uteye, shyiraho garama 3 za ire (agafuniko gacagase k'icupa rya fanta). Iyi ngano y'ifumbire ishyirwa ku rugemwe rumwe.

4.5. Gukata no kuyobora

- Kuraho ibisambo, amashami ashaje, ayumye, ayavunitse n'ari hasi cyane. Imimero yose munsu y'aho ururabo rwa mbere rutereye ikurwaho kugirango igihingwa kibyibuhe.
- Ku bwoko bw'intoryi zikenera gushingirirwa hifashishwa agati gafite nibura cm 50 z'uburebure nyuma ukazirikaho igihingwa ukoresheje umugozi.



4.6. Kugenzura indwara n'ibyonnyi

- Genzura umurima inshuro eshatu mu cyumweru (cg buri munsu) urebamo ibyonnyi n'ibimenyetso bigaragaza indwara z'uduhumyo, virusi na bagiteri nkuko bigaragara mu mbonerahamwe iri ku gika 4.6. Wibanda kureba munsu y'amababi kuko niho ubusimba dufata mu gihe twihisha izuba n'imvura. Iyo ubonyeho ibyonnyi cyangwa ibimenyetso by'indwara utera umuti.

5. Gusarura no gufata neza umusaruro

5.1. Ibimenyetso byo kwera


- Sarura intoryi hagati y'iminsi 75 n'iminsi 110 nyuma yo kugemura bitewe n'ubwoko bwahinzwe.
- icyo gihe agahu k'inyuma k'urutoryi kaba kabonerana kandi kanyerera, gafite ibara ry'umweru.

5.2. Igihe cyo gusarura

- Sarura mu gitondo hari amafu (ubuhehere) kubera ko intoryi zisaruwe ku zuba zihindura ibara vuba, ntizibe umweru ahubwo zigatangira gusa n'umuhondo. Ibyo bikaba byangiza ubwiza bw'umusaruro.
- Nyuma yo gutera umuti, intoryi zishobora gusarurwa (Pre-Harvest Interval- PHI) hagati y'iminsi 3 na 14, bitewe n'umuti wakoreshejwe.

5.3. Uburyo bwo gusarura

- Nyuma yo gusarura ubwa mbere, sarura mu byiciro (akenshi buri cyumweru), kandi ukomeze kwita ku ntoryi, uzuhira kandi ushyiraho ifumbire uko bikwiye.
- Sarura ukoresheje icyuma gityaye ku buryo inkondo iguma ku rubuto, nturukomeretse kandi ntukomeretse n'uruti. Inkondo igaragaza igihe intoryi ziba zimaze zisaruwe.



- Girira isuku ibikoresho usaruriramo ndetse nibyo ukoresha usarura.
- Sarurira intoryi mu gikoresho cya parasitike kitazikomeretsa, gifite imyenge kandi gishobora kozwa.
- Sarura intoryi mu gihe hatari imvura ndetse n'ubukonje bwinshi.
- Mu gihe usarura, tandukanya intoryi zirwaye n'izitarwaye.

5.4. Kwita ku musaruro

- Nyuma yo gusarura, ugomba gutoranya intoryi ukanazishyira mu byiciro.
- Toranya intoryi ushingiyeye ku ibara ryazo, ingano, uko ziteye n'izifite ubusembwa.
- Hunika intoryi ahantu hari amafu/ ubuhehere cyangwa muri firigo.
- Pakira kandi utware umusaruro mu bikoresho byabugenewe bya pulasitike nk'amakureti (crate), amabase cyangwa ibitebo.

6. Indwara n'ibyonnyi by'ingenzi by'intoryi

	Indwara/ibyonnyi by'ingenzi	Ibiziranga	Uko bazirinda	Uko bazirwanya/ bazivura	Ibipimo by'umuti bikorehwa Ibipimo by'umuti bikorehwa muri L20 z'amazi + Iminsi ikenerwa kugira ngo igihingwa cyatewe umuti gisarurwe (PHI)
1	Akaribata (anthracnose) 	-Iyi ndwara iterwa n'agahumyo kitwa <i>Colletothricum melongena</i>. Aka gahumyo gakunda gufata intoryi zifashwe nabi. Iyi ndwara yiyongera cyane mu gihe cy'imvura cyangwa cy'ubuhehere bukabije. -Ku mababi haboneka ibibara bijya gusa n'ikigina kijimye, -Ku mbuto usangaho ibara ry'ikigina rizengurutswe n'ibara ry'umukara, -Rimwe na rimwe imbuto zafashwe ziruma zikaba umukara.	-Gusimburanya ibihingwa mu murima hahingwa ibindi bitari mu muryango umwe n'intoryi. -Gutera imbuto z'indobanure, -Gusukura umurima hakurwamo byafashwe. -Kwirinda ko amazi areka mu murima. -Gukura ibisiganzwa by'ibiti by'intoryi mu murima no gutwika ibyarwaye.	-Gutera imiti yica uduhumyo	-Chlorothalonil: g30-40 PHI: iminsi 7 - Copper: g50 PHI: iminsi 14 - Carbendazim: ml 20-25 PHI: iminsi 7 -Tricyclazole (Beam): g40 PHI: iminsi 30

2	Kirabiranya iterwa na bagiteri (Bacterial wilt) 	-Iyi ndwara iterwa na bagiteri yitwa <i>Ralstonia solanacearum</i>. - Irangwa n'uko igihingwa kirabirana kidahinduye ibara cyane nkaho yatemwe mu mizi. -Uruti rusohokamo umushongi w'umweru usa n'amata iyo urukase ukarushyira mu mazi.	-Kubahiriza isimburanyabihingwa nibura mu gihe cy'ibihembwe bitatu hahingwa ibihingwa bitari mu muryango umwe n'intoryi. -Kudakomeretsa imizi cyangwa amababi mu gihe cyo gutera, gukuraho ibisambo, ... -Guhinga mu butaka bwumutse. -Kurandura igihingwa cyafashwe ukimara kubona ibimenyetso. -Guhinga ku mitabo muri gahunda yo kwirinda ko amazi areka mu mirima. -Gusukura ibikoresho bikoreshe mu murima hirindwa ikwirakwira ry'iyi ndwara	Nta muti uhari uvura ubu burwayi. Ni ngombwa kubwirinda.	-
3	Urunyo rwangiza intoryi (<i>Helicoverpa armigera</i>) 	-Ni ikinyugunyugu bita <i>Helicoverpa armigera</i>, aho gitera amagi ku mababi. Amagi arakura akavamo urunyo rugenda rukura, rugatobora umuteja w'urutoryi rukinjiramo imbere.	-Gusimburanya ibihingwa mu murima hahingwa ibindi bitari mu muryango umwe n'intoryi nk'ibigoli, ibishyimbo, amashu, soya, amashaza... -Gukuramo intoryi zamaze gufatwa zigatwikwa. -Gukoresha imitego ifata ibinyugunyugu mu murima no munkengero zawo.	-Gutera imiti yica udukoko	-Lambdacyhalothrin: ml20. PHI: iminsi 7 -Nimbecidine (azadirachtin): ml20. PHI: iminsi 3
4	Ibyonnyi: Inda, Tiripusi, Udutagangurirwa tw'inda	-Utu dusimba dukunze gufata cyane cyane amababi n'uruti bikiri bito, indabo n'amababi.	-Gukikiza ibigori umurima w'intoryi kuko bikurura inda zikava ku ntoryi. -Kubungabunga inshuti z'abahinzi (udukoko turya inda. Urugero: udusurira, urutambara, ...)	-Gutera imiti yica udukoko nka: Lambda-	-Lambdacyhalothrin: ml20. PHI: iminsi 7 -Nimbecidine (azadirachtin): ml20. PHI: iminsi 3

		Inda zikwirakwiza virusi ku gihingwa.	-Gukoresha imitego y'ibara ry'umuhondo izifata.		
--	---	---------------------------------------	---	--	--

Icyitonderwa: Iyi mfasanyigisho yateguwe n'umushinga “HINGANA UBUZIRANENGE” ugamiye kongera ubuziranenge bw'ibiribwa mu Rwanda. Uwo mushinga ushyirwa mu bikorwa n'Umuryango Nyarwanda Uharanira Inyungu Rusange Utegamiye kuri Leta

“AGRIFOP” ku nkunga y’Umuryango w’Ubumwe bw’Ibihugu by’i Burayi “EUROPEAN UNION”.

Mu kuyitegura, hifashishijwe impuguke, abakozi ndetse n’imfashanyigisho zateguwe na Minisiteri y’Ubuhinzi n’Ubworozi (MINAGRI), Ikigo cy’Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Ubuhinzi n’Ubworozi mu Rwanda (RAB) n’abandi bafatanyabikorwa.